GAHUNDA YA "PHASING OUT" Y'ABAVETERINERI B'IMIRENGE (2009-2011)

Impamvu z'iyi gahunda

Mu mwaka wa 2004 habayeho ivugurura ry'inzego z'umurimo ku bakozi ba Leta, maze ku rwego rw'Akarere abaveterineri bavaho. Imirimo yose yakorwaga n'urwo rwego yimurirwa muri serivisi ishinzwe ubuhinzi, ubworozi n'ibidukikije. Ibi byatumye serivisi z'ubworozi zisigara hejuru, ugasanga RARDA itabasha kugera ku mworozi wo hasi mu cyaro. Nyuma y'iryo vugururwa, kubera imbaraga zari zikenewe mu gushyira mu bikorwa Gahunda ya Girinka mu gihugu cyose, byabaye ngombwa ko MINAGRI yitabaza abaveterineri bikorera ku giti cyabo, ibaha kontaro yo gufasha mu bikorwa byo gukurikirana inka no kuzivura, gutera intanga no guhugura abaturage ku mikorere y'ubworozi bwa kijyambere.

Guhera muri Kamena 2008, abaveterineri 416 bashyizwe mu mirenge, bimaze kumvikanwaho n'Uturere, kandi byagaragaye ko bagize akamaro cyane. Ibi byose byatwaye amafaranga 290 000 000 FRW. Biragaragara ko iyo aba baveterineri badashyirwa mu mirenge ibi bikorwa byose ntabwo byari kugerwaho ku buryo bushimishije nk'uko byakozwe, kandi iyo bidakorwa bitya imbaraga zashyizwe muri Gahunda ya Girinka ntabwo zari kuba zarakoreshejwe uko bikwiye, ndetse iyo inka zitangira gupfa kubera kubura abazikurikirana byashoboraga guca intege izindi nzego zitabiriye igitekerezo cya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika cyo koroza imiryango ikennye.

Umusasuro ukomoka ku bworozi wariyongereye ku buryo amata tubona mu Rwanda amaze kwikuba inshuro ebyiri mu myaka itarenze itatu. Ku rundi ruhande ayo mata ntabwo abasha guheshwa agaciro kugira ngo aborozi bayakureho inyungu, bityo banashobore kwirihira serivisi zitangwa naba veterineri, kuko ubu mu Gihugu cyose hari Amakusanyirizo 24 akora, agakonjesha litiro 50,000 ku munsi, ziyongera kuri litiro 7,500 zitunganywa n'Amakaragiro 3 akora ariyo Nyabisindu, Inyange na Rubirizi. Niyo mpamvu Leta yiyemeje gushyiramo imbaraga kugira ngo hubakwe Amakusanyirizo menshi (315 azaba akora muri 2012) ndetse n'Amakaragiro yongererwe ubushobozi maze ayo mata yose abone isoko. Kugira ngo ibi byose bigerweho kandi tugifite aborozi bafite ubushobozi buke, hakenewe ko serivisi ikomeza gutangwa na veterineri ukoreshwa na Leta, akaba ariwe uherekeza iyi gahunda, nibura mu gihe cy'imyaka itatu, kugira ngo afashe kubaka ubushobozi bw'aborozi no kunoza isoko ry'amata yabo. Uko ubushobozi bw'aborozi buzagenda bwiyongera, bakazagenda babasha kumwihembera.

Gahunda yo kongera Amakusanyirizo y'amata mu Gihugu

Mu mpera za 2008, mu Gihugu hose hari Amakusanyirizo y'amata 24 ashobora gukonjesha litiro 50,000 ku munsi. Muri aya makusanyirizo harimo 13 mu Ntara y'Iburasirazuba, 5 mu Ntara y'Amajyepfo, 4 mu Ntara y'Amajyaruguru, 1 mu Ntara y'Iburengerazuba na 1 mu Mujyi wa Kigali. Muri uyu mwaka wa 2009 andi makusanyirizo 16 yarubatswe kandi azaba akora mu minsi mike. Harimo kandi harategurwa uko andi makusanyirizo 70 yakubakwa byihuse ku bufatanye bwa Leta, BRD, HORIZONS, amakoperative y'aborozi n'abikorera ku giti cyabo. Ni ukuvuga ko mu mpera za 2009 amakusanyirizo yose azaba akora azaba ari 110, kandi ashobora gukonjesha litiro 500,000 ku munsi kuko mu Ntara y'Iburasirazuba hazaba hakora amakusanyirizo 37, mu Majyepfo amakusanyirizo 34, mu Burengerazuba amakusanyirizo 25, mu Majyaruguru amakusanyirizo 9, naho mu Mujyi wa Kigali hari amakusanyirizo 5.

Hagati ya 2010 na 2012 hateganyijwe kubakwa na none andi makusanyirizo 205 mu gihugu hose. Buri mwaka hakubakwa byibuze amakusanyirizo 70 ku buryo yose hamwe azaba ari 315, kandi ashobora gukonjesha amata yose aboneka ku munsi. Icyo gihe Intara y'iburasirazuba izaba irimo amakusanyirizo 112, mu Majyepfo amakusanyirizo 83, mu

Burengerazuba amakusanyirizo 63, mu Majyaruguru amakusanyirizo 41 no mu Mujyi wa Kigali amakusanyirizo 16 (reba Table 1).

Table 1: Umubare w'amakusanyirizo n'amakoperative y'aborozi ari muri buri Karere

AKARERE	AMAKUSANYIRIZO AZUBAKWA				AMAKOPERATIVE Y'ABOROZI AHARI
	2009	2010	2011-2012	YOSE	
Gasabo	5	2	4	11	
Kicukiro	0	2	6	8	7
Nyarugenge	0	0	2	2	
KIGALI CITY	**5**	**4**	**12**	**21**	**7**
Burera	1	1	2	4	3
Gakenke	0	2	4	6	
Gicumbi	4	3	6	13	10
Musanze	2	3	5	10	4
Rulindo	2	2	5	9	13
NORTHERN PROVINCE	**9**	**11**	**22**	**42**	**30**
Gisagara	2	2	1	5	14
Huye	1	3	4	8	19
Kamonyi	4	3	6	13	9
Muhanga	10	0	1	11	10
Nyamagabe	1	2	3	6	18
Nyanza	9	0	1	10	12
Nyaruguru	3	6	4	13	13
Ruhango	4	4	8	16	3
SOUTHERN PROVINCE	**34**	**20**	**28**	**82**	**98**
Bugesera	5	0	1	6	27
Gatsibo	4	6	8	18	9
Kayonza	6	3	4	13	31
Kirehe	2	2	3	7	8
Ngoma	1	3	3	7	18
Nyagatare	15	10	27	52	50
Rwamagana	4	2	4	10	2
EASTERN PROVINCE	**37**	**26**	**50**	**113**	**145**
Karongi	2	2	1	5	
Ngororero	5	1	1	7	
Nyabihu	8	1	8	17	7
Nyamasheke	0	2	3	5	
Rubavu	5	1	1	7	14
Rusizi	1	1	2	4	7
Rutsiro	4	1	7	12	25
WESTERN PROVINCE	**25**	**9**	**23**	**57**	**53**
YOSE HAMWE	**110**	**70**	**135**	**315**	**333**

Gahunda yo gushyiraho Amakaragiro mashya no kongerera ubushobozi asanzweho

Imibare y'inka za kijyambere n'amata ari mu Rwanda igaragaza ko Igihugu kirimo ibice umunani (8) bibumbiyemo ubworozi (bassins laitiers) hakurikijwe imiterere yabyo. Ibyo bice bikaba bikase ku buryo bukurikira (reba Table 2):

Table 2: Imibare y'inka n'amata aboneka ku munsi muri bassins laitiers zigize u Rwanda

Igice (bassin)	Umubare w'inka zihari	Amata ahaboneka ku munsi (l)
Nyagatare	276,271	406,967
Nyanza	259,562	353,319
Kigali y'Umujyi	219,032	193,129
Gishwati	177,670	238,078
Ngoma	123,863	142,149
Nyirangarama	59,161	174,580
Karongi	40,170	26,737
Rusizi	39,166	41,780
BYOSE HAMWE	1,194,895	1,576,739

N'ubwo hose mu gihugu haboneka amata, ntabwo yose yakirwa mu Makaragiro, kuko ubu Amakaragiro akora mu gihugu ni atatu (3) gusa: INYANGE itunganya litiro 3,000 ku munsi, NYABISINDU itunganya litiro 3,000 na RUBIRIZI itunganya litiro 1,500. Kugira ngo amata yose azakirwe anakonjeshwe mu Makusanyirizo, ku bufatanye bwa Leta n'abikorera ku giti cyabo, hazabaho gushyiraho Amakaragiro mashya muri bice by'ubworozi bitayafite. Ayo makaragiro azubakwa i Runda hafi ya Kigali, ku Mukamira mu gice cya Gishwati, kuri Nyirangarama, i Rusizi, i Karongi na Ngoma. Hazabaho no kwagura ubushobozi bw'Amakaragiro asanzweho (Inyange, Nyagatare, Nyabisindu, Rubirizi).

Igihe aya makaragiro yose azaba akora (2012) azafasha ko amata yose kugezwa ku isoko yatunganyijwe, bityo n'aborozi bashobore kuyabonaho amafaranga. Muri 2012 kandi amata aboneka mu Rwanda azaba amaze guhaza akenewe mu Gihugu ku buryo dushobora no gusagurira isoko ryo hanze, ibi nabyo bikazagirira akamaro aborozi n'amakusanyirizo mu kongera inyungu ikomoka ku mata. Figure 1 irerekana uko amata azagenda yiyongera kugeza habonetse akenewe mu Gihugu.



Figure 1: Kwiyongera k'umukamo n'amata akenewe mu Gihugu hagati ya 2008 na 2015

Gahunda yo kuvugurura serivisi z'ubworozi zigatangirwa aho aborozi bahurira (Koperative - Amakusanyirizo)

Muri iyi myaka ibiri ingufu zizashyirwa mu kubaka system ituma serivisi zose zitangwa n'abaveterineri mu Turere n'Imirenge zitangirwa cyane ku rwego rw'amakoperative no ku Makusanyirizo. Iyo system izaba ishingiye ku guteza imbere isoko ry'amata no mu kubaka iyi network y'Amakusanyirizo n'Amakaragiro, ndetse no kuyobora aborozi mu Makoperative kugira ngo ibyo bakeneye byose binyuzwe muri ayo mahuriro, yubakiye ku ikusanyirizo ry'amata ribegereye.

Bityo umworozi azajya ajyana amata ye ku ikusanyirizo, abone isoko abifashijwemo na Koperative iricunga kandi abashe no kubona za serivisi za veterineri zose akeneye ahurira nawe kuri iryo kusanyirizo. Aho Amakusanyirizo azaba akora neza, hazanajya haba hari iduka ry'imiti y'amatungo, iry'ibiryo by'amatungo ndetse na SACCO ifasha aborozi kubitsa, kuguza no kwishyura ibyo bakeneye.

Mu gihe cy'imyaka itatu (2009, 2010, 2011) aborozi bazagenda bishyira hamwe kurushaho, bibumbira mu Makoperative, ari nayo agenda yegukana imicungire y'Amakusanyirizo abegereye, Leta yarabahaye veterineri muri buri Murenge wo kubibafashamo ku buryo umushahara we uzava muri Leta umwaka umwe gusa (2009), undi mwaka (2010) Leta na Koperative bakawugabana (70%, 30%), umwaka wa gatatu uwo mushahara uzarishwa na Koperative ku rwego rwa 60%. Muri 2012 Koperative zizaba zimaze kugira ubushobozi bwo kwirihira veterineri w'Umurenge 100%. Table 3 irerekana uko isoko ry'amata riziyongera n'uko aborozi bazagenda bishyura serivisi za veterineri wo ku Murenge.

Table 3: Aho Umushahara wa veterineri w'Umurenge uzava muri iyi myaka itatu

Umwaka	**Amakusanyirizo ariho mu gihugu**	**Aho umushahara wa veterineri uzava n'ikigero cyawo**			
		Umushahara afata ku kwezi		Amafaranga yose ku mwaka	
		Leta	Aborozi	Leta	Aborozi
2009	110	100% 120,000FRW	0% 0 FRW	599,040,000	0
2010	180	70% 84,000FRW	30% 36,000FRW	419,328,000	179,712,000
2011	250	40% 48,000FRW	60% 9 72,000FRW	239,616,000	359,424,000
2012	315	0% 0 FRW	100% 120,000FRW	0 FRW	599,040,000

Kubera ko ku rwego rw'Akarere hazaba hari inshingano zikomeye kurusha ku murenge nk'uko bigaragara mu mirimo bazaba bashyinzwe (reba Tables 5 na 6), Umuganga w'Amatungo azakomeza kurishwa na Leta, kugira ngo akomeze afasha aborozi muri za gahunda zitinjiza amafaranga harimo nko kubahugura, kubagira inama, gukusanya imibare, gusuzuma ibikomoka ku matungo, gukumira indwara z'amatungo, kugenzura ingendo z'amatungo, gutegura no gushyira mu bikorwa campaigns zo gutera intanga no gukingira, gukurikirana inka zihabwa imiryango ikennye muri Gahunda ya Girinka,…

Gahunda yo kugeza inka muri buri muryango ukennye mu Rwanda

Gahunda ya Girinka imaze imyaka itatu itangijwe, kandi imaze kugeza inka ku miryango 45,643. Muri izi harimo 16415 zaguzwe ku ngengo y'imari ya Leta, 9625 zatanzwe na NGOs, 9140 zatanzwe n'Uturere, 7244 zatanzwe n'Ubudehe, 3717 zatanzwe nk'inguzanyo ya Bank, 3117 zatanzwe na DCDP na 102 mu mashuri. Kugira ngo inka igere kuri buri munyarwanda, hakoreshejwe gushishikariza abantu bose kugabirana, inka y'Akaguru,

Magirirane,..., hateganyijwe ko haboneka inka 15 muri buri mudugudu, bikozwe bityo inka 257,200 zaboneka, bityo mu myaka 4 isigaye kuri EDPRS, buri munyarwanda wese akaba yamaze korozwa. Table 4 ikurikira irerekana uburyo partners bose bashyize imbaraga nyinshi muri Gahunda ya Girinka, bagira uruhare muri iki gikorwa cyo koroza buri rugo

Table 4: Uruhare rwa buri wese rukenewe kugira ngo imiryango isigaye yorozwe

UBURYO BUZAKORESHWA	2009	2010	2011	2012	2013	2014
Kugabirana (+Leta)	7,500	10,000	12,500	15,000	16,000	17,000
Magirirane	1,200	1,500	1,700	1,900	2,000	2,000
Kuragiza	2,000	2,100	2,200	2,300	2,400	2,500
Inka y'akaguru	1,500	1,500	1,500	1,500	1,500	1,500
Bank	2,500	3,000	3,500	4,000	4,500	5,000
Kwitura	2,000	5,000	7,500	10,000	12,000	13,000
NGOs	3,000	3,000	3,000	3,000	3,000	3,000
Imishinga	3,000	3,000	3,000	3,200	3,300	3,500
Amashuri	200	300	450	600	750	800
ZOSE HAMWE	**22,900**	**29,400**	**35,350**	**41,500**	**45,450**	**48,300**

Iyi Gahunda niyitabirwa neza mu myaka ine hatangwa inka 222,900 (zirenze 211,557 zikenewe), bityo buri rugo rukennye, rutoroye kandi rufite isambu iruta 0.75 ha rukaba rumaze korozwa.

Table 5: Terms of reference za Veterineri w'Akarere

Poste	Qualification	Mission	Responsabilites	Taches
Veterineri w'Akarere	Docteur veterinaire	Guteza imbere ubworozi muri rusange no guhesha agaciro ibikomoka ku matungo mu Karere	1. Gukurikirana Gahunda ya Girinka	1. - Gutegura no guhugura abazahabwa inka - Gufasha mu gutoranya inka zizatangwa - Gukurikirana izatanzwe no kuvura izarwaye - Gutegura no gufasha mu Kwitura
			2. Kuvugurura ubworozi bw'inka	2. - Gutegura no gufasha aborozi guteza intanga - Gukurikirana izindi gahunda nka ET na Selection - Kugira inama aborozi ku ivugurura bakeneye - Gukemura ibibazo by'imyororokere y'amatungo
			3. Kwita ku buzima bw'amatungo	3. - Gutegura no kuyobora gahunda zo gukingira - Gukumira indwara z'amatungo - Gukurikirana ingendo z'amatungo - Kuyobora ibikorwa byo kurwanya uburondwe - Kuvura (indwara, inzoka, ...)
			4. Guteza imbere ubundi bworozi	4. - Gukurikirana ikwirakwizwa ry'amatungo magufi - Guhesha agaciro umusaruro wayo
			5. Kugenzura ibikomoka ku matungo	5. - Kugenzura amabagiro - Gufasha ishyirwaho n'igenzura ry'amakusanyirizo - Kugenzura ahacururizwa amata n'inyama
			6. Kugenzura icuruzwa ry'imiti n'ibiryo by'amatungo	6. - Kugenzura icuruzwa ry'imiti y'amatungo - Kugenzura icuruzwa ry'ibiryo by'amatungo
			7. Guhuriza aborozi hamwe	7. - Gufasha amakoperative y'aborozi mu kwiyubaka - Gufasha kongera ubushobozi bw'amakoperative
			8. Kongera agaciro k'ibikomoka ku matungo	8. - Gukurikirana ishyirwaho ry'amakusanyirizo - Gukurikirana imikororere y'amakaragiro - Gufasha kugeza ku borozi technologies nshya - Kuzamura agaciro k'impu, amata, inyama n'amagi - Gufasha inganda kugera ku borozi - Gukurikirana ubuvumvu n'ubworozi bw'amafi - Gushishikariza abikorera gushoramo imari
			9. Guhuza imibare ijyanye n'ubworozi	9. - Kwegeranya imibare y'amatungo n'ibiyakomokaho - Gutanga icyerekezo cy'uko amatungo yiyongera - Guhorana ishusho y'ubworozi mu Karere

Table 6: Terms of reference za Veterineri w'Umurenge

Poste	Qualification	Mission	Responsabilites	Taches
Veterineri w'Umurenge	A1 Santé/Production animale A2 Technien veterinaire experimenté	Gushyira mu bikorwa gahunda zo guteza imbere ubworozi no guhesha agaciro ibikomoka ku matungo mu Murenge	1. Gukurikirana Gahunda ya Girinka 2. Kuvugurura ubworozi bw'inka 3. Kwita ku buzima bw'amatungo 4. Guteza imbere ubundi bworozi 5. Gupima ibikomoka ku matungo 6. Gushyigira aborozi bari hamwe	1. – Gutoranya no guhugura abazahabwa inka - Gutoranya inka zizatangwa - Gukurikirana izatanzwe no kuvura izarwaye - Gutunganya igikorwa cyo Kwitura 2. - Gutera intanga - Gukemura ibibazo by'imyororokere y'amatungo 3. - Gukingira indwara - Gukumira indwara z'amatungo - Gukurikirana ingendo z'amatungo - Kurwanya uburondwe - Kuvura (indwara, inzoka, ...) - Gukusanya imibare yose ijyanye n'ubworozi 4. - Gufasha mu ikwirakwizwa ry'andi matungo 5. - Kupima ubwiza bw'inyama n'amata 6. - Kwegera no gushyigikira amakoperative y'aborozi

Table 5: Terms of reference for the District veterinary Officer (DVO)

Post	Qualification	Mission	Responsabilities	Duties
District Veterinary Officer (DVO)	Bachelor's Degree in Veterinary Medicine	To promote animal production in the District by developing technologies, providing advisory and extension services to farmers and Coordinate extension services, modernizing farming and paying attention to animals and products of Animal origin	1. Supervise and Monitoring of Girinka Programe in the District	1. - Prepare farmers to enable them to receive and handle cows - Participate to purchasing and selection of cows - Monitoring and treatment of cows donated - Organize pass on of heifers from the beneficiaries to the next
			2. Coordinate genetic improvement programe	2. - Organize and supervise AI campaigns - Follow up the ET and Selection technologies - Give advises to farmers about genetic improvement - Treatment of infertility and reproductive disorders
			3. Carry out programes to ensure health of animals	3. - Organize and supervise vaccination campaigns - Prevention of animal diseases - Supervise the cattle and other species movements - Supervise the ticks control - Treatments for diseases and worms
			4. Promote other species in the District	4. - Supervise the distribution of other species - Organize the value addition for other species
			5. Supervise and carry out inspection of animal products	5. - Supervision and control of slaughter houses - Supervision and control of Milk collection Centers - Control of butcheries and milk sellers
			6. Supervise the sale of animal drugs and animal feeds in the District	6. - Control of veterinary pharmacies - Control of Animal feeds making, quality and selling
			7. Mobilize farmers to improve farming	7. – Organize and support farmers cooperatives - Help in Cooperatives capacity building
			8. Mobilize farmers to add value to animal products	8. – Follow up of establishment of Dairies and MCC - Organize the Milk collection in the District - Bring back the Milk technologies - Adding value to milk, meat, skins and eggs - Collaborate to establishment of Animal industries - Promote and Monitor the beekeeping and Fishing - Motivate the private sector to invest in Livestock
			9. Collect and avail Animal statistics in the District	9. - Collect and compile Animal statistics in District - Give a regular picture of the Livestock and Animal products in the District

Table 6: Terms of reference for the Sector Veterinary Technician (SVT)

Post	Qualification	Mission	Responsabilities	Duties
Sector Veterinary Technician (SVT)	A1 Animal Health/Production A2 Veterinary Technician	To implement Government policies in animal production and inspection of products of animal origin	1. Implement and Monitor Girinka programe 2. Cattle genetic improvement 3. Supervise animal health activities 4. Promote other animal species 5. Inspection of animal products 6. Mobilize farmers into cooperatives	1. - Carry out training for beneficiaries - Participate to purchasing of cows - Monitoring of cows and make treatments - Organize the Pass on to next beneficiaries 2. - Organize and carry out Artificial insemination - Treat reproductive disorders 3. - Carry out vaccination campaign - Monitor and treat Animal diseases - Monitor animal and products movements - Treatment of diseases and parasites - Collect and compile Animal statistics 4. - Participate to the distribution of other species 5. - Quality control of meat and milk 6. - Organize and Strenghen farmers cooperatives